

REPUBURIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP/ECON 00076/2021/TGI/RBV GITEGEKA
UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

Umwaka w'i 2022, umunsi wa 22 w'ukwezi kwa Mata;

Twebwe DUSABIMANA Sylvère, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na AYINKAMIYE Esperance, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza **RP/ECON 00076/2021/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Rubavu bukurikiranyemo **NIYOMUGABO JEAN DE DIEU**, icyaha cyo kunyereza umutungo n'icyaha cyo guhimba no gukoresha inyandiko mpimbano, ruzaburanishwa ku wa **26/05/2022**.

Tumaze kubona ko **NIYOMUGABO JEAN DE DIEU** mwene Kanyamuhanda André na Mutumwinka Epaphrodite, wavutse kuwa 18/03/1982, wahoze atuye mu mudugudu wa Nyarurembo, Akagali ka Rugerero, Umurenge wa Rugerero, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, udafite aho abarizwa hazwi, umunyarwanda, ufite telephone nimeru +250788896407, utarakatirwa n'inkiko bizwi, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 160 na 161 z'Itegeko n°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

Dutegetse **NIYOMUGABO JEAN DE DIEU** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa **26/05/2022 saa mbili za mu gitondo**, ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Umurenge wa Rugerero, no ku biro by'Akarere ka Rubavu.

Bikorewe i-Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

Umucamanza

DUSABIMANA Sylvère

Umwanditsi

AYINKAMIYE Esperance

